

**ITEGEKO N° 025/2019 RYO KU WA  
13/09/2019 RISHYIRAHU UMUSORO  
KU BYAGUZWE**

**LAW N° 025/2019 OF 13/09/2019  
ESTABLISHING THE EXCISE DUTY**

**LOI N° 025/2019 DU 13/09/2019  
ÉTABLISSANT LE DROIT D'ACCISE**

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIÈRES**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO  
RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL  
PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS  
GÉNÉRALES**

**Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko rigamije**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article premier: Objet de la présente loi**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Article 2: Definitions**

**Article 2: Définitions**

**Ingingo ya 3: Igicuruzwa cyakorewe mu  
Rwanda n'igicuruzwa cyatumijwe mu  
mahanga**

**Article 3: Product manufactured in Rwanda  
and imported product**

**Article 3: Produit fabriqué au Rwanda et  
produit importé**

**Ingingo ya 4: Ibicuruzwa n'ibipimo  
by'umusoro bijyanye na byo**

**Article 4: Products and corresponding rates**

**Article 4: Produits et taux correspondants**

**Ingingo ya 5: Isonerwa**

**Article 5: Exemption**

**Article 5: Exonération**

**Ingingo ya 6: Ishingiro ry'umusoro**

**Article 6: Tax base**

**Article 6: Assiette de l'impôt**

**Ingingo ya 7: Igihe umusoro ucibwa ku  
gicuruzwa**

**Article 7: Time for taxation**

**Article 7: Moment de l'imposition**

**Ingingo ya 8: Igihe cy'umusoro**

**Article 8: Tax period**

**Article 8: Période d'imposition**

**Ingingo ya 9: Igihe cyo kumenyekanisha no  
kwishyura umusoro**

**Article 9: Period for declaration and  
payment of tax**

**Article 9: Période de déclaration et de  
paiement de l'impôt**

**UMUTWE WA II: INSHINGANO  
N'UBURENGANZIRA  
BY'UMUSORESHWA**

**CHAPTER II: TAXPAYER'S  
OBLIGATIONS AND RIGHTS**

**CHAPITRE II: OBLIGATIONS ET  
DROITS DU CONTRIBUABLE**

**Icyiciro cya mbere: Inshingano  
z'umusoreshwa**

**Section One: Taxpayer's obligations**

**Section première: Obligations du  
contribuable**

**Ingingo ya 10: Inshingano yo kuzuza igitabo  
cy'ibyakozwe n'icy'ibiyagurishijwe  
n'uruganda**

**Article 10: Obligation to keep registers of  
inventory of manufactured and sold  
products**

**Article 10: Obligation de remplir les  
registres d'inventaire des produits  
fabriqués et des produits vendus**

**Ingingo ya 11: Inshingano yo kuzuza igitabo  
cy'ibikoresho by'ibanze n'icy'imirimo**

**Article 11: Obligation to keep a register of  
raw materials and a register of ongoing  
activities**

**Article 11: Obligation de remplir un  
registre des matières premières et un  
registre des travaux en cours**

**Ingingo ya 12: Inshingano yo kuzuza ikindi  
gitabo cya ngombwa**

**Article 12: Obligation to keep another  
mandatory register**

**Article 12: Obligation de remplir un autre  
registre nécessaire**

**Ingingo ya 13: Inshingano yo gushyira  
itembure y'umusoro ku bicuruzwa  
bisoreshwa**

**Article 13: Obligation to affix the tax stamp  
to taxable products**

**Article 13: Obligation d'apposer la vignette  
fiscale sur les produits imposables**

**Ingingo ya 14: Inshingano yo kohereza  
icyegeranyo cy'imikoreshereze  
y'amatebure y'umusoro**

**Article 14: Obligation to submit a  
reconciliation statement on the usage of tax  
stamps**

**Article 14: Obligation de transmettre un état  
de rapprochement sur l'usage des vignettes  
fiscales**

**Ingingo ya 15: Inshingano yo kuzuza ibitabo  
by'ibaruramari**

**Article 15: Obligation to keep the books of  
accounts**

**Article 15: Obligation de tenir les livres  
comptables**

**Icyiciro cya 2: Uburenganzira  
bw'umusoreshwa**

**Section 2: Taxpayer's rights**

**Section 2: Droits du contribuable**

<b><u>Ingingo ya 16:</u> Uburenganzira bwo kwibarira umusoro</b>	<b><u>Article 16:</u> Right to self-assessment</b>	<b><u>Article 16:</u> Droit à l'auto-évaluation</b>
<b><u>UMUTWE WA III: AMAKOSA, IBYAHA N'IBIHANO</u></b>	<b><u>CHAPTER III: FAULTS, OFFENCES AND PENALTIES</u></b>	<b><u>CHAPITRE III: FAUTES, INFRACTIONS ET PEINES</u></b>
<b><u>Ingingo ya 17:</u> Ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi ku mikoreshereze y'amatebure y'umusoro</b>	<b><u>Article 17:</u> Administrative sanctions for the usage of tax stamps</b>	<b><u>Article 17:</u> Sanctions administratives pour usage de vignettes fiscales</b>
<b><u>Ingingo ya 18:</u> Ibihano mpanabyaha ku mikoreshereze y'amatebure y'umusoro</b>	<b><u>Article 18:</u> Penalties for the usage of tax stamps</b>	<b><u>Article 18:</u> Peines pour usage de vignettes fiscales</b>
<b><u>UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA</u></b>	<b><u>CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS</u></b>	<b><u>CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES</u></b>
<b><u>Ingingo ya 19:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko</b>	<b><u>Article 19:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law</b>	<b><u>Article 19:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi</b>
<b><u>Ingingo ya 20:</u> Ivanwaho ry'Itegeko n'ingingo zose z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko</b>	<b><u>Article 20:</u> Repealing provision</b>	<b><u>Article 20:</u> Disposition abrogatoire</b>
<b><u>Ingingo ya 21:</u> Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa</b>	<b><u>Article 21:</u> Commencement</b>	<b><u>Article 21:</u> Entrée en vigueur</b>

**ITEGEKO N° 025/2019 RYO KU WA 13/09/2019 RISHYIRAHU UMUSORO KU BYAGUZWE**

**Twebwe, KAGAME Paul,**  
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 31 Nyakanga 2019;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavugururwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120, iya 164 n'iya 176;

Isubiye ku Itegeko n° 26/2006 ryo ku wa 27/05/2006 rigena kandi rishyiraho imitunganyirize y'umusoro ku byaguzwe wakwa ku bicuruzwa bimwe na bimwe byatumijwe mu mahanga n'ibikorera mu

**LAW N° 025/2019 OF 13/09/2019 ESTABLISHING THE EXCISE DUTY**

**We, KAGAME Paul,**  
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW, AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 31 July 2019;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 164 and 176;

Having reviewed Law n° 26/2006 of 27/05/2006 determining and establishing consumption tax on some imported and locally manufactured products, as modified and complemented to date;

**LOI N° 025/2019 DU 13/09/2019 ÉTABLISSANT LE DROIT D'ACCISE**

**Nous, KAGAME Paul,**  
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 31 juillet 2019;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 164 et 176;

Revu la Loi n° 26/2006 du 27/05/2006 portant organisation et instauration du droit d'accise sur certains produits importés et de fabrication locale, telle que modifiée et complétée à ce jour;

Rwanda nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu;

**YEMEJE:**

**ADOPTS:**

**ADOPTÉ:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO  
RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL  
PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS  
GÉNÉRALES**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article premier: Objet de la présente loi**

Iri tegeko rishyiraho umusoro ku byaguzwe wakwa kuri bimwe mu bicuruzwa byatumijwe mu mahanga n'ibikorera mu Rwanda.

This Law establishes the excise duty levied on some of the imported products or products manufactured in Rwanda.

La présente loi établit le droit d'accise perçu sur certains produits importés ou fabriqués au Rwanda.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Article 2: Définitions**

**Article 2: Définitions**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

For the purpose of this Law, the following terms have the following meanings:

Aux fins de la présente loi, les termes ci-après ont les significations suivantes:

1° **abantu bafitanye isano:** abantu abo ari bo bose bakora cyangwa bashobora gukora bakurikije amabwiriza, ibitekerezo cyangwa ibyifuzo by'abandi bantu igihe ayo mabwiriza, ibyo bitekerezo cyangwa ibyo byifuzo byabagejweho cyangwa bitabagejweho. By'umwihariko, abantu bakurikira bafatwa nk'abantu bafitanye isano:

1° **related persons:** any persons who act or are likely to act in accordance with the directives, opinion or wishes of other persons when such directives, opinion or wishes are communicated or not communicated to them. In particular, the following persons are regarded as related persons:

1° **personnes liées:** toutes personnes qui agissent ou sont susceptibles d'agir selon les directives, avis ou souhaits d'autres personnes lorsque ces directives, avis ou souhaits leur sont exprimés ou non. En particulier, les personnes suivantes sont considérées comme personnes liées:

a. umuntu ku giti cye hamwe n'uwo bashakanye, abo bakomokaho ku buryo

a. an individual and his/her spouse and their direct lineal ascendants or direct

a. une personne physique et son conjoint et leurs ascendants en ligne directe ou

- |  |  |   |
|--|--|---|
| butaziguye cyangwa ababakomokaho ku buryo butaziguye, n'abafitanye isano nabo ku buryo buziguye kugeza nibura ku gisanira cya 3;   | lineal descendants, and their relatives in the collateral lineage until at least the 3rd degree;   | leurs descendants en ligne directe, et leurs parents en ligne collatérale jusqu'au 3ème degré au moins;   |
| b. umwe mu bantu ugira uruhare rutaziguye cyangwa ruziguye mu micungire, ubugenzuzi cyangwa igishoro by'undi;  | b. one of the persons who participates directly or indirectly in the management, control or capital of the other;  | b. l'une des personnes qui participe directement ou indirectement dans la gestion, contrôle ou capital de l'autre;  |
| c. undi muntu ugira uruhare ku buryo butaziguye cyangwa buziguye mu micungire, ubugenzuzi cyangwa igishoro cyangwa byombi by'undi;   | c. third person who participates directly or indirectly in the management, control or capital or both control and capital of another person;                             | c. une tierce personne qui participe directement ou indirectement dans la gestion, contrôle ou capital ou les deux d'une autre personne;                                |
| d. abo bantu bavugwa mu gace ka a), b) na c) bagira uruhare ku buryo butaziguye cyangwa buziguye mu micungire, ubugenzuzi cyangwa igishoro by'ikigo;                         | d. such persons referred to under sub-items a), b) and c) who participate directly or indirectly in the management, control or capital of an enterprise;                 | d. de telles personnes visées aux sous-points a), b) et c) qui participent directement ou indirectement dans la gestion, contrôle ou capital d'une entreprise;          |
| 2° <b>igicuruzwa gisoreshwa:</b> ikintu cyakorewe mu Rwanda cyangwa cyatumijwe mu mahanga gitangirwa umusoro ku byaguzwe;  | 2° <b>taxable product:</b> product manufactured in Rwanda or imported into Rwanda subject to excise duty;  | 2° <b>produit imposable:</b> bien fabriqué ou importé au Rwanda frappé du droit d'accise;   |
| 3° <b>iherekanya ry'ibiciro:</b> ibisabwa, harimo n'ibiciro by'ibikorwa by'ubucuruzi cyangwa imari hagati y'abantu bafitanye isano baba batuye mu Gihugu cyangwa mu mahanga; | 3° <b>transfer pricing:</b> conditions, including the prices of commercial or financial transactions between related persons, whether residing in the country or abroad; | 3° <b>prix de transfert:</b> conditions, y compris les prix des transactions commerciales ou financières entre personnes liées, résidant dans le pays ou à l'étranger ; |

- 4° **Ikigo:** Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro; 4° **Authority:** Rwanda Revenue Authority; 4° **Office:** l'Office Rwandais des Recettes;
- 5° **itembure y'umusoro:** ikimenyetso, gishyirwa ku gicuruzwa gisoreshwa gitangirwa umusoro ku byaguzwe, kigaragaza ko kizagurishwa mu Rwanda; 5° **tax stamp:** a sign affixed on a taxable product subject to excise duty indicating that the product will be sold in Rwanda; 5° **vignette fiscale:** signe que l'on appose sur un produit imposable du droit d'accise qui atteste que ce produit sera vendu au Rwanda;
- 6° **Komiseri Mukuru:** Komiseri Mukuru w'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro; 6° **Commissioner General:** Commissioner General of Rwanda Revenue Authority; 6° **Commissaire Général:** Commissaire Général de l'Office Rwandais des Recettes;
- 7° **Minisitiri:** Minisitiri ufite imisoro mu nshingano; 7° **Minister:** Minister in charge of taxes; 7° **Ministre:** Ministre ayant les impôts dans ses attributions;
- 8° **umukozi wemewe:** umukozi w'Ubuyobozi bw'Imisoro wahawe ububasha n'urwego rubifite mu nshingano bwo kugenzura, guperereza, gushyikirana n'umusoreshwa, gukosora impapuro z'imenyesha, gukora no gutanga impapuro zishyuzwa, gutegura inyandikomvugo no gukora ibishoboka byose kugira ngo iri tegeko ryubahirizwe, kandi akaba afite ikimenyetso kimuranga ko afite ubwo bubasha; 8° **authorised officer:** an officer of the Tax Administration who has been given powers by the competent authority to conduct audit, investigations, negotiates with the taxpayer, make adjustments, prepares and issues notices of assessment, drafts affidavits and does anything else necessary to ensure the enforcement of this Law and he or she has been issued with means of identification to possess such powers; 8° **agent autorisé:** agent de l'administration fiscale que l'autorité compétente a autorisé et habilité à effectuer des contrôles et des enquêtes, à négocier avec le contribuable, à procéder à des redressements, à établir des notes d'imposition, à dresser des procès-verbaux, ou à prendre toute autre disposition propre à assurer l'application de la présente loi et qui a reçu des signes d'identification dans l'exercice de ses pouvoirs.
- 9° **umuntu:** umuntu ku giti cye, isosiyete ifite ubuzimagatozi n'itarabubona, koperative, isosiyete shami, ubufatanye mu mirimo igamije inyungu butari isosiyete, icyicaro gihoraho, abandi bantu bakwishyira hamwe mu buryo ubwo ari bwo bwose n'ikigo icyo ari cyo cyose; 9° **person:** individual, registered company and de facto company, cooperative, subsidiary, partnership, permanent establishment and any other association of persons regardless of its status; 9° **personne:** individu, société enregistrée et société de fait, coopérative, filiale, société en partenariat, établissement stable et toute autre association de personnes quelle que soit sa forme;

10° **uruganda:** inyubako, ibikoresho cyangwa ibyuma byifashishwa mu gukora cyangwa guhindura igicuruzwa gitangirwa umusoro.

10° **factory:** any plant, machinery or appliance used in manufacturing or processing a taxable product;

10° **industrie:** installations, équipements ou appareils qui servent à la fabrication ou à la transformation d'un produit imposable;

**Ingingo ya 3: Igicuruzwa cyakorewe mu Rwanda n'igicuruzwa cyatumijwe mu mahanga**

**Article 3: Product manufactured in Rwanda and imported product**

**Article 3: Produit fabriqué au Rwanda et produit importé**

Igicuruzwa gifatwa nk'icyakorewe mu Rwanda iyo uruganda rwagikoze cyangwa rwagitunganyije ruri ku butaka bw'u Rwanda.

A product is regarded as manufactured in Rwanda if the factory manufacturing or processing it is on the Rwandan territory.

Un produit est considéré comme fabriqué au Rwanda si l'industrie de fabrication ou de transformation se trouve sur le territoire rwandais.

Igicuruzwa gifatwa nk'icyatumijwe mu mahanga iyo kigomba gukorerwa imihango yo muri Gasutamo hakurikijwe itegeko rigenga imikorere ya Gasutamo ku itariki icyo gicuruzwa cyinjirijwe mu Rwanda.

A product is regarded as imported if it requires customs formalities in accordance with customs law system on the date such a product was brought in Rwanda.

Un produit est considéré comme importé s'il nécessite l'accomplissement des formalités douanières conformément à la loi sur le system douanier à la date de son entrée au Rwanda.

**Ingingo ya 4: Ibicuruzwa n'ibipimo by'umusoro bijyanye na byo**

**Article 4: Products and corresponding rates**

**Article 4: Produits et taux correspondants**

Umusoro ku byaguzwe wakwa ku bicuruzwa no ku ijanisha ry'umusoro bikurikira:

The excise duty is levied on the following products at the corresponding rates:

Le droit d'accise est imposé aux produits et aux taux suivants:



Official Gazette n° 37 bis of 23/09/2019

Ibicuruzwa	Ibipimo
Imitobe y'imbuto cyangwa iy'imboga by'umwimerere	5%
Limonades, soda n'indi mitobe itari iy'umwimerere	39%
Amazi mvaruganda apfunyitswe	10%
Byeri yenzwe mu bikoresho fatizo byo mu Gihugu, hatabariwemo amazi, bingana na 70% nibura, ugereranyije n'uburemere bw'ibindi biyigize	30%
Izindi byeri	60%
Divayi yenzwe mu bikoresho fatizo byo mu gihugu, hatabariwemo amazi, bingana na 70% nibura, ugereranyije n'uburemere bw'ibindi biyigize	30%
Izindi divayi	70%
Ibyotsi, likeri na wisiki	70%

Products	Tax rate
Natural fruit or vegetable juices	5%
Lemonade, Soda and other non-natural juices	39%)
Industrial packed water	10%
Beer whose local raw material content, excluding water is at least 70% by weight of its constituents	30%
Other beers	60%
Wine whose local raw material content, excluding water, is at least 70% by weight of its constituents	30%
Other wines	70%
Brandies, liquors and whisky	70%

Produits	Taux d'imposition
Jus de fruits ou de légumes naturels	5%
Limonades, soda et autres jus non naturels	39%
Eau industrielle sous emballage	10%
Bière dont la teneur en matières premières locales, à l'exclusion d'eau, est d'au moins 70% en poids de ses composantes	30%
Autres bières;	60%
Vin dont la teneur en matières premières locales, à l'exclusion d'eau, est d'au moins 70% en poids de ses composantes	30%
Autres vins	70%
Eau-de-vie, liqueurs et whiskies	70%

Official Gazette n° 37 bis of 23/09/2019

Itabi ry'amasegereti	36% by'igicuruzo cy'ipaki y'amasegereti 20 hongeweho amafaranga 130 FRW kuri buri paki
Lisansi (itari iy'indege)	183 FRW/ilitiro
Mazutu	150FRW/ilitiro
Amavuta yo mu byuma	37%
Imodoka zifite moteri zifite ubushobozi buri muni ya 1500 cc	5%
Imodoka zifite moteri zifite ubushobozi buri hagati ya 1500 na 2500 cc	10%
Imodoka zifite moteri zifite ubushobozi buri hejuru ya 2500 cc	15%
Amata y'ifu	10%
Itumanaho rikoresheje telefoni	10%

Cigarettes	36% of retail price of a pack of 20 rods plus 130 FRW per pack
Premium (excluding benzene)	183FRW/litre
Gas oil	150FRW/litre
Lubricants	37%
Vehicles with an engine capacity of less than 1500 cc	5%
Vehicles with an engine capacity of between 1500 and 2500 cc	10%
Vehicles with an engine capacity of above 2500 cc	15%
Powdered milk	10%
Telephone communications	10%

Cigarettes	36% du prix de détail d'un paquet de 20 tiges majoré de 130 FRW par paquet
Essence (exception faite au benzène)	183 FRW/Litre
Mazout	150FRW/Litre
Lubrifiants	37%
Véhicules avec un moteur d'une puissance à 1500 cc	5%
Véhicules avec un moteur d'une puissance variant entre 1500 et 2500 cc	10%
Véhicules avec un moteur d'une puissance supérieure à 2500 cc	15%
Lait en poudre	10%
Communications téléphoniques	10%

**Ingingo ya 5: Isonerwa**

Ibintu bikurikira bisonewe umusoro ku byaguzwe:

- 1° ibintu bigenewe imiryango y'abagiraneza;
- 2° imodoka ziteranyirizwa mu Rwanda;
- 3° imodoka imwe (1) bwite y'abari abadiporomate bavuye muri za Ambassade cyangwa mu Miryango Mpuzamahanga;
- 4° imodoka imwe (1) y'Abanyarwanda b'impunzi cyangwa abandi bavuye mu gihugu cy'amahanga bujuje ibisabwa n'itegeko rigenga Gasutamo;
- 5° imodoka zo mu bwoko bukurikira: minibisi na bisi ishobora gutwara abantu batari hasi ya cumi na bane (14), kamyo na kamyoneti *simple cabine* zakorewe gutwara ibintu, imodoka zifite ibyuma bikonjeshya, imodoka zikoreshwa mu bukerarugendo, imbanguriragutabara n'imodoka zigenewe abafite ubumuga;
- 6° ibicuruzwa byakorewe gusa gucuruzwa hanze y'Igihugu;

**Article 5: Exemption**

The following goods are exempt from the excise duty:

- 1° goods for charitable organizations;
- 2° vehicles assembled in Rwanda;
- 3° one (1) personal vehicle of former diplomats returning from foreign diplomatic missions;
- 4° one (1) vehicle of Rwandan refugees or returnees from a foreign country who fulfil exemption conditions set forth under the Customs Law;
- 5° vehicles of the following categories: minibuses and bus that can carry not less than fourteen (14) persons, lorries and single cabin pickups manufactured to carry goods, refrigerating vehicles, tourist vehicles, ambulances and vehicles designed for persons with disabilities;
- 6° products specifically manufactured for export;

**Article 5: Exonération**

Les biens suivant sont exonérés du droit d'accise:

- 1° les biens destinés à des associations caritatives;
- 2° véhicules assemblés au Rwanda;
- 3° un (1) véhicule personnel des anciens diplomates de retour d'une mission diplomatique;
- 4° un (1) véhicule de réfugiés ou personnes de nationalité rwandaise de retour d'un pays étranger qui remplissent les conditions d'exonération prévues par la loi portant régime douanier;
- 5° véhicules de catégories suivantes: minibus et bus pouvant transporter au moins quatorze (14) personnes, camions et camionnettes simple cabine affectés au transport des marchandises, véhicules frigorifiques, véhicules de tourisme, ambulances et véhicules destinés aux personnes handicapées;
- 6° produits spécifiquement fabriqués pour exportation;

7° ibicuruzwa bigurishijwe ku mahahiro adacibwa imisoro no ku bandi bantu bihariye bagenwa n'itegeko;

Imodoka zikoreshwa mu bukerarugendo zivugwa mu gace ka 5° k'igika cya mbere cy'iyi ngingo zigomba kuzuza ibisabwa n'amategeko ya Gasutamo.

### **Ingingo ya 6: Ishingiro ry'umusoro**

Bitabangamiye uburyo bw'isoresha bushingiye ku ngano ya bimwe mu bicuruzwa bivugwa mu ngingo ya 4 y'iri tegeko, ishingiro ry'umusoro ku bicuruzwa byatumijwe mu mahanga ribarwa hashingiye ku biteganywa n'amategeko ya Gasutamo. Ku byakorewe mu Rwanda, ishingiro ry'umusoro ni ikiguzi cy'igicuruzwa. icyakora, ishingiro ry'umusoro ku itabi rikomatanya ingano n'igicuruzo byaryo.

Ikiguzi kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ni amafaranga yose umuguzi cyangwa uwakiriye igicuruzwa gisoreshwa yishyura cyangwa agomba kwishyura ukora icyo gicuruzwa, hatabariwemo umusoro ku nyongeragaciro.

Iyo ukora n'ugura cyangwa uwakira igicuruzwa bafitanye isano, ikiguzi ni amafaranga igicuruzwa cyashoboraga

7° products sold to duty free shops and other specific persons legally determined;

The tourism vehicles referred to under item 5° of Paragraph one of this Article is subject to conditions set forth under the customs legislation.

### **Article 6: Tax base**

Without prejudice to the tax procedure applicable to the quantity of certain products under Article 4 of this Law, the tax base for imported products is calculated according to customs legislation. For products manufactured in Rwanda, the tax base is the selling price of the product. However, the tax base for cigarettes combines the specific base and the retail price.

The selling price referred to under Paragraph one of this Article is the total amount excluding the value added tax, paid or payable by a buyer or a recipient of a taxable product to the producer of the product.

If the producer and the buyer or recipient are related, the selling price is the price that the product would reasonably be expected to

7° produits vendus aux comptoirs exonérés d'impôts et aux autres personnes spécifiques légalement déterminées;

Les véhicules de tourisme visés au point 5° de l'alinéa premier du présent article sont soumis aux conditions énoncées dans la législation douanière.

### **Article 6: Assiette de l'impôt**

Sans préjudice à la procédure fiscale applicable à la quantité de certains produits telle que spécifiée par l'article 4 de la présente loi, l'assiette imposable du droit d'accise est calculée conformément à la législation douanière. Pour les produits fabriqués au Rwanda, l'assiette de l'impôt est le prix de vente du produit. Toutefois, l'assiette de l'impôt sur les cigarettes combine la base spécifique et le prix de vente au détail.

Le prix de vente visé à l'alinéa premier du présent article est le montant total, à l'exclusion de la taxe sur la valeur ajoutée, payée ou à payer par un acheteur ou un destinataire d'un produit taxable, au producteur du produit.

Lorsque le producteur et l'acheteur ou le destinataire sont liés, le prix de vente est le prix que le produit serait raisonnablement censé

kugurishwaho mu gihe igikorwa cyo kugurisha cyabaye mu ihiganwa risesuye mu gihe cyo kuranguza.

fetch in an arm's length transaction at that time at the wholesale level.

rapporter dans une transaction de pleine concurrence à ce moment-là au niveau de la vente en gros.

Iteka rya Minisitiri rishyiraho amabwiriza rusange ku ihererekanya ry'ibiciro akurikizwa n'abantu bafitanye isano.

An Order of the Minister determines general rules on transfer pricing applicable by related persons.

Un arrêté du Ministre détermine les directives générales sur les prix de transfert applicables par les personnes liées.

**Ingingo ya 7: Igihe umusoro ucibwa ku gicuruzwa**

**Article 7: Time for taxation**

**Article 7: Moment de l'imposition**

Umusoro ucibwa igihe:

The tax is payable when:

La taxe est due au moment où :

1° igicuruzwa gisoreshwa kivanywe mu ruganda, ku birebana n'ibicuruzwa bikorerwa mu Rwanda;

1° a taxable product is cleared out of the factory, in case of products manufactured in Rwanda;

1° un produit imposable est sorti de l'usine dans le cas des produits fabriqués au Rwanda;

2° igicuruzwa kigeze mu bugenzuzi bwa Gasutamo ku birebana n'ibicuruzwa byatumijwe mu mahanga;

2° a product is under the customs control in case of imported products;

2° un produit entre sous contrôle douanier dans le cas des produits importés;

3° serivisi igurishijwe, ku birebana n'itumanaho rikoresheje telefoni.

3° service is sold, for telephone communications.

3° le service est vendu, pour les communications téléphoniques.

**Ingingo ya 8: Igihe cy'umusoro**

**Article 8: Tax period**

**Article 8: Période d'imposition**

Igihe cy'umusoro ni ukwezi gusanzwe kugabanyijwemo ibihe bitatu (3) bikurikira:

The tax period is the calendar month divided into the following three periods:

La période d'imposition est le mois calendrier divisé en trois périodes suivantes:

1° kuva ku itariki ya mbere kugeza ku itariki ya 10 y'ukwezi;

1° from 1<sup>st</sup> date to 10<sup>th</sup> date of the month;

1° de la 1<sup>ère</sup> date à la 10<sup>ème</sup> date du mois;

- 2° kuva ku itariki ya 11 kugeza ku itariki ya 20 y'ukwezi; 2° from 11<sup>th</sup> date to 20<sup>th</sup> date of every month; 2° de la 11<sup>ème</sup> date à la 20<sup>ème</sup> date du mois;
- 3° kuva ku itariki ya 21 kugeza ku mpera z'ukwezi. 3° from 21<sup>st</sup> date towards end of the month. 3° de la 21<sup>ème</sup> date à la fin du mois.

**Ingingo ya 9: Igihe cyo kumenyekanisha no kwishyura umusoro**

Bitarenze iminsi itanu (5) ikurikira ibihe bivugwa mu ngingo ya 8 y'iri tegeko, umusoreshwa amenyekanisha kandi akishyura umusoro ku byaguzwe.

Umusoro ku byaguzwe byatumijwe mu mahanga utangirwa rimwe n'amahoro ya Gasutamo.

Ikigo kigena inyandiko za ngombwa ziherekeza imenyekanisha ry'umusoro ku byaguzwe.

**Article 9: Period for declaration and payment of tax**

Within five (5) days following periods mentioned in Article 8 of this Law, the taxpayer declares and pays the excise duty.

The consumption tax on imports is paid concurrently with customs duties.

The Authority determines mandatory documents accompanying the declaration of excise duty.

**Article 9: Période de déclaration et de paiement de l'impôt**

Dans un délai de cinq (5) jours qui suivent les périodes visées à l'article 8 de la présente loi, le contribuable déclare et paie le droit d'accise.

Le droit d'accise sur les produits importés est perçu simultanément avec les droits de douane.

L'Office détermine les documents nécessaires accompagnant la déclaration et le paiement du droit d'accise.

**UMUTWE WA II: INSHINGANO  
N'UBURENGANZIRA  
BY'UMUSORESHWA**

**CHAPTER II: TAXPAYER'S  
OBLIGATIONS AND RIGHTS**

**CHAPITRE II: OBLIGATIONS ET  
DROITS DU CONTRIBUABLE**

**Icyiciro cya mbere: Inshingano  
z'umusoreshwa**

**Section One: Taxpayer's obligations**

**Section première: Obligations du  
contribuable**

**Ingingo ya 10: Inshingano yo kuzuzwa igitabo  
cy'ibyakozwe n'icy'ibyakurishijwe  
n'uruganda**

**Article 10: Obligation to keep registers of  
inventory of manufactured and sold  
products**

**Article 10: Obligation de remplir les  
registres d'inventaire des produits  
fabriqués et des produits vendus**

Umuntu wese ukora ibintu bitangirwa umusoro ku byaguzwe yuzuzwa, buri muni, igitabo kibarurirwamo ibintu byakozwe n'igitabo kibarurirwamo ibyakurishijwe. Igitabo kibarurirwamo ibyakurishijwe kigomba kugaragaza icyiciro n'umubare wahawe buri muguzi, amazina ye n'aho abarizwa.

Any manufacturer of a product subject to excise duty is required to keep a register of daily inventory of the products manufactured and a sales register. The sales register indicates the price and quantity offered to every customer, his or her names and address.

Tout fabricant de produit assujetti au droit d'accise doit remplir quotidiennement un registre d'inventaire des produits fabriqués et un registre d'inventaire des produits vendus. Le registre d'inventaire des ventes mentionne le prix et les quantités livrées à chaque client, son nom et adresse.

Igitabo kibarurirwamo ibyakozwe cyerekana ingano n'inomero iranga ibyakozwe. Cyerekana kandi ibyangiritse, ibyatawe cyangwa ibyatwitswe bigenzuwe n'umukozi wemewe, umubare w'ibyagiye mu mahanga n'ibyakurishijwe ku masoko kugira ngo bikoreshwe, ku buryo igihe cyose umubare w'ibintu bisigaye mu ruganda ushobora kumenyekana no gusuzumwa.

The register of inventory of the manufactured products indicates the quantity and the batch number of production. It also indicates the products damaged, discarded or burnt after being inspected by the authorised officer, the quantity exported and those sold for consumption, so that at any time, the quantities within the factory can be established and verified.

Le registre d'inventaire des produits fabriqués mentionne la quantité et le numéro des produits. Il mentionne également les produits endommagés, jetés ou brûlés après avoir été contrôlés par un agent autorisé, le nombre de produits exportés et ceux mis en consommation, de telle sorte que, à tout moment, le nombre des produits restant à l'usine puissent être connus et contrôlés.

**Ingingo ya 11: Inshingano yo kuzuza igitabo cy'ibikoresho by'ibanze n'icy'imirimo**

Umusoresha wese yuzura igitabo cy'ibikoresho by'ibanze n'igitabo cy'imirimo.

Igitabo cy'ibikoresho by'ibanze kigaragaza ibizakoreshwa mu gukora igicuruzwa gisoreshwa. Mu gitabo cy'imirimo, habonekamo ibisobanuro birebana na gahunda ya buri muni, ya buri gikoresho gikoreshwa mu ruganda.

Umukozi wemewe ashira umukono muri icyo gitabo, igihe cyose yasuye uruganda.

**Ingingo ya 12: Inshingano yo kuzuza ikindi gitabo cya ngombwa**

Umuntu wese ukora igicuruzwa gisoreshwa umusoro ku byaguzwe agira igitabo cyerekana, buri muni, ibi bikurikira:

1° itariki n'isaha by'itangira n'irangizwa ry'imirimo ;

2° ubwoko, amazina n'ibigaragaza imashini zikoreshwa.

**Article 11: Obligation to keep a register of raw materials and a register of ongoing activities**

Every taxpayer is required to keep a register of raw materials and a register of ongoing activities.

The register of raw materials records the materials to be used in manufacturing of a taxable product. In the register of activities, there is recorded the information concerning the daily status of every equipment used in the factory.

An authorised officer signs in such a register every time he or she visits the factory.

**Article 12: Obligation to keep another mandatory register**

Any manufacturer of a product subject to excise duty keeps a register indicating, on a daily basis, the following:

1° the date and the time of starting and ending work;

2° the type, names and the nature of the equipment used.

**Article 11: Obligation de remplir un registre des matières premières et un registre des travaux en cours**

Tout contribuable tient un registre des matières premières et un registre des travaux en cours.

Le registre des matières premières mentionne toutes les matières premières à utiliser dans la fabrication d'un produit imposable. Dans le registre des travaux en cours, il est tenu toute information en rapport avec la situation journalière de tout équipement utilisé dans l'usine.

L'agent autorisé signe dans ce registre, à chaque visite de l'usine.

**Article 12: Obligation de remplir un autre registre nécessaire**

Tout fabricant d'un produit assujetti au droit d'accise tient un registre journalier indiquant les éléments suivants :

1° la date et l'heure de démarrage et de clôture des travaux;

2° le type, les noms et la nature des appareils utilisés.



Iyo imirimo itakozwe cyangwa yahagaritswe, uyikora amenyekanisha ibyo bibazo, mu minsi cumi (10), ku buyobozi bw'Ikigo.

If activities are not carried out or are interrupted, the manufacturer notifies it to the administration of the Authority within a period of ten (10) days.

Lorsque les travaux n'ont pas été exécutés ou lorsqu'ils sont interrompus, le fabricant le déclare à l'administration de l'Office dans un délai de dix (10) jours.

Igitabo kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo n'ibivugwa mu ngingo ya 10 n'ya 11 z'iri tegeko bishobora kuba bikoze mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa byanditswe mu mpapuro.

The register referred to in Paragraph One of this Article and registers referred to in Articles 10 and 11 of this law may be in soft or hard copies.

Le registre visé à l'alinéa premier du présent article et ceux visés aux articles 10 et 11 de la présente loi peuvent être sous forme électroniques ou en papier ordinaire.

**Ingingo ya 13: Inshingano yo gushyira itembure y'umusoro ku bicuruzwa bisoreshwa**

**Article 13: Obligation to affix the tax stamp to taxable products**

**Article 13: Obligation d'apposer la vignette fiscale sur les produits imposables**

Ibicuruzwa bimwe bitangirwa umusoro ku byaguzwe bikorerwa mu Gihugu cyangwa byatumijwe mu mahanga bicuruzwa ku isoko ryo mu Rwanda, bigomba kuba biriho itembure y'umusoro. Umusoresha ufite ibicuruzwa bigomba gushyirwaho itembure y'umusoro afite inshingano yo kubyubahiriza.

Some locally manufactured and imported taxable products sold on Rwandan market are required to be affixed with a tax stamp. The taxpayer whose products must be stamped has the obligation to do so.

Certains produits assujettis au droit d'accise fabriqués au niveau local ou importés pour être vendus au Rwanda doivent porter la vignette fiscale. Le contribuable dont les produits doivent être munis de la vignette fiscale a l'obligation de le faire.

Urutonde rw'ibicuruzwa, imiterere y'itembure y'umusoro, uburyo igomba gutangwa, gushyirwa ku gicuruzwa n'uko yishyirwa, bishyirwaho n'Ikigo.

The list of products, the design of tax stamp and the manner in which the tax stamp is to be issued, affixed to the product and how it is paid are determined by the Authority.

La liste des produits, la structure de la vignette fiscale ainsi que les modalités dont la vignette est délivrée, apposée sur un produit et payée sont fixées par l'Office.

**Ingingo ya 14: Inshingano yo kohereza icyegeranyo cy'imikoreshereze y'amatembure y'umusoro**

Umuntu wese ukora ibicuruzwa bitangwaho umusoro ku byaguzwe n'umucuruzi ubitumiza mu mahanga bagomba gusobanura imikoreshereze y'amatembure y'umusoro bahawe mu buryo bw'icyegeranyo. Icyegeranyo cya buri kwezi kigaragaza incamake y'imikoreshereze y'amatembure y'umusoro mu buryo bukirikira:

- 1° amatembure y'umusoro yari yasigaye mu kwezi kubanziriza ugukorwamo ibicuruzwa bitangwaho umusoro ku byaguzwe;
- 2° amatembure y'umusoro bahawe n'Ikigo;
- 3° amatembure y'umusoro yashyizwe ku bicuruzwa bitangwaho umusoro ku byaguzwe byakorewe mu Rwanda cyangwa byatumijwe mu mahanga bitewe n'uko ibintu bimeze;
- 4° amatembure y'umusoro yononekaye mu gihe ibintu byakorwaga byemezwa n'abakozi b'Ikigo;
- 5° amatembure y'umusoro atabashije gusobanurwa mu icyegeranyo cy'ukwezi;

**Article 14: Obligation to submit a reconciliation statement on the usage of tax stamps**

Any manufacturer and importer of products taxable with excise duty are required to account for the usage of tax stamps issued to them in a reconciliation statement. The monthly reconciliation statement summarises the usage of tax stamps under the following headings:

- 1° tax stamps in stock at the closure of the month preceding the month in which taxable products are manufactured;
- 2° tax stamps received from the Authority;
- 3° tax stamps applied to products manufactured in Rwanda or imported into Rwanda taxable with excise duty, as the case may be;
- 4° tax stamps spoiled or damaged during the manufacturing process as certified by the Authority staff;
- 5° tax stamps unaccounted for in the monthly reconciliation statement;

**Article 14: Obligation de transmettre un état de rapprochement sur l'usage des vignettes fiscales**

Tout fabricant ou importateur de produits assujettis au droit d'accise sont tenus de justifier, sous forme d'un état de rapprochement, l'usage de vignettes fiscales qui leur sont données. L'état de rapprochement mensuel montre en résumé l'usage des vignettes fiscales sous les titres suivants:

- 1° les vignettes fiscales en stock à la fin du mois précédent et reporté pour l'emploi durant le mois ;
- 2° les vignettes fiscales accordées par l'Office;
- 3° les vignettes fiscales apposées aux produits assujettis au droit d'accise fabriqués au Rwanda ou importés au Rwanda selon le cas;
- 4° les vignettes fiscales endommagées durant la fabrication telles que certifiées par les agents de l'Office;
- 5° les vignettes fiscales non justifiées dans l'état de rapprochement mensuel;

6° amatembure y'umusoro yasigaye akibitse mu mpera z'ukwezi, azakoreshwa mu kwezi gukurikiyeho.	6° tax stamps in stock at the end of the month carried forward for use in the following month.	6° les vignettes fiscales en stock à la fin du mois reportées pour être utilisées le mois suivant.
Icyegeranyo cy'imikoreshereze y'amatembure y'umusoro kigezwa ku Kigo, mu minsi cumi (10) ikurikira ukwezi ayo matembure yakoresherejwemo.	The reconciliation statement on the usage of tax stamps is submitted to the Authority within ten (10) days following the month in which such stamps were used.	Un état de rapprochement sur l'usage des vignettes fiscales est transmis à l'Office dans dix (10) jours suivant le mois au cours duquel ces vignettes ont été utilisées.
<b><u>Ingingo ya 15: Inshingano yo kuzuza ibitabo by'ibaruramari</u></b>	<b><u>Article 15: Obligation to keep the books of accounts</u></b>	<b><u>Article 15: Obligation de tenir les livres comptables</u></b>
Buri musoreshwa wese agomba kuzuza ibitabo by'ibaruramari hakurikijwe amahame y'ibaruramari yemewe.	Every taxpayer is required to keep the books of accounts in accordance with generally accepted accounting principles.	Chaque contribuable doit tenir les livres comptables conformément aux principes comptables généralement reconnus.
<b><u>Icyiciro cya 2: Uburenganzira bw'umusoresha</u></b>	<b><u>Section 2: Taxpayer's rights</u></b>	<b><u>Section 2: Droits du contribuable</u></b>
<b><u>Ingingo ya 16: Uburenganzira bwo kwibarira umusoro</u></b>	<b><u>Article 16: Right to self-assessment</u></b>	<b><u>Article 16: Droit à l'auto-évaluation</u></b>
Umusoresha afite uburenganzira bwo kwibarira umusoro hakurikijwe ibiteganywa muri iri tegeko n'amateka arebana na ryo.	A taxpayer has a right to self-assessment in accordance with provisions of this Law and related Orders.	Le contribuable a droit à l'auto-évaluation conformément aux dispositions de la présente loi et arrêtés y relatifs.

**UMUTWE WA III: AMAKOSA, IBYAHA  
N'IBIHANO**

**Ingingo ya 17: Ibihano byo mu rwego  
rw'ubutegetsi ku mikoreshereze  
y'amatembure y'umusoro**

Umuntu wese ukorera mu Rwanda ibicuruzwa bitangwaho umusoro ku byaguzwe, cyangwa ubitumiza mu mahanga ukora kimwe mu bikorwa bikurikira:

1° kutandika mu bitabo byagenewe kwandikwamo amatembure y'umusoro ku byaguzwe kandi adafite ububiko bw'inyandiko cyangwa inyandiko iyo ari yo yose ibyerekeye;

2° kutohereza ibyegeranyo by'imikoreshereze y'amatembure y'umusoro mu gihe cyagenwe;

ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi itari muni ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko itarenze miliyoni ebyiri z'amafaranga y'u Rwanda (2.000.000 FRW).

**CHAPTER III: FAULTS, OFFENCES  
AND PENALTIES**

**Article 17: Administrative sanctions for  
the usage of tax stamps**

A domestic manufacturer or importer of products subject to the excise duty who performs one of the following acts:

1° failing to keep tax stamp registers, records or any other related documents;

2° failing to submit tax stamp reconciliation statements within the prescribed period;

is liable to an administrative fine of not less than one million Rwandan francs (FRW1,000,000) and not more than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000).

**CHAPITRE III: FAUTES, INFRACTIONS  
ET PEINES**

**Article 17: Sanctions administratives pour  
usage de vignettes fiscales**

Un fabricant local ou importateur des produits assujettis au droit d'accise qui commet l'un des actes suivants:

1° non tenue des registres de vignettes fiscales, des archives ou de tout autre document y relatif ;

2° non envoi, dans le temps prévu, des états de rapprochement des vignettes fiscales;

est passible d'une amende administrative d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n'excédant pas deux million de francs rwandais (2.000.000 FRW).

**Ingingo ya 18: Ibihano mpanabyaha ku mikoreshereze y'amatebure y'umusoro**

Umuntu wese ukorera mu Rwanda ibicuruzwa bitangwaho umusoro ku byaguzwe cyangwa ubitumiza mu mahanga ukora kimwe mu bikorwa bikurikira:

- 1° kudashyira amatebure y'umusoro ku bicuruzwa;
- 2° gushyira amatebure y'umusoro ku bicuruzwa ku buryo bunyuranyije n'amabwiriza yatanze n'Ikigo;
- 3° kongera ikindi kintu ku bimenyetso biranga amatebure y'umusoro cyangwa kuyonona;
- 4° kohereza icyegeranyo cy'imikoshereze y'amatebure y'umusoro ku byaguzwe kirimo ibintu bikosheje cyangwa bituzuye;
- 5° gukoresha amatebure y'umusoro ku bicuruzwa atagenewe;
- 6° gucuruza ibicuruzwa bitangwaho umusoro ku byaguzwe bidafite amatebure y'umusoro;

aba akoze icyaha.

**Article 18: Penalties for the usage of tax stamps**

Any domestic manufacturer or importer of products subject to the excise duty who performs one of the following acts:

- 1° failing to affix tax stamps to products;
- 2° affixing tax stamps to products in a manner contrary to rules set forth by the Authority;
- 3° making an overprint or defacing tax stamps affixed to taxable products;
- 4° submitting an incorrect or incomplete tax stamp reconciliation statement;
- 5° using tax stamps on products for which they are not intended;
- 6° selling products subject to the excise duty without tax stamps;

commits an offence.

**Article 18: Peines pour usage de vignettes fiscales**

Tout fabricant local ou importateur des produits imposables de droit d'accise qui commet l'un des actes suivants:

- 1° ne pas apposer les vignettes fiscales sur les produits;
- 2° apposer les vignettes fiscales d'une manière contraire aux directives délivrées par l'Office ;
- 3° surcharger ou abîmer les inscriptions de vignettes fiscales ;
- 4° envoyer un état de rapprochement incorrect ou incomplet de vignettes fiscales;
- 5° utiliser les vignettes fiscales aux produits auxquels elles ne sont pas destinées ;
- 6° vendre les produits assujettis au droit d'accise sans vignettes fiscales ;

commet une infraction.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1) cyangwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari muni ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW).

Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than one (1) year or to a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) and not more than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000).

Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas un (1) an ou d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n'excédant pas deux million de francs rwandais (2.000.000 FRW).

#### **UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA**

#### **CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS**

#### **CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES**

##### **Ingingo ya 19: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

##### **Article 19: Drafting, consideration and adoption of this Law**

##### **Article 19: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda.

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.

##### **Ingingo ya 20: Ivanwaho ry'Itegeko n'ingingo zose z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

##### **Article 20: Repealing provision**

##### **Article 20: Disposition abrogatoire**

Itegeko n° 26/2006 ryo ku wa 27/05/2006 rigena kandi rishyiraho imitunganyirize y'umusoro ku byaguzwe wakwa ku bicuruzwa bimwe na bimwe byatumijwe mu mahanga n'ibikorera mu Rwanda nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

Law n° 26/2006 of 27/05/2006 determining and establishing consumption tax on some imported and locally manufactured products, as modified and complemented to date and all prior legal provisions contrary to this Law, are repealed.

La Loi n° 26/2006 du 27/05/2006 portant organisation et instauration du droit d'accise sur certains produits importés et de fabrication locale, telle que modifiée et complétée à ce jour et toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Ingingo ya 21: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 13/09/2019

(sé)

**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika

(sé)

**Dr. NGIRENTE Edouard**  
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Article 21: Commencement**

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 13/09/2019

(sé)

**KAGAME Paul**  
President of the Republic

(sé)

**Dr. NGIRENTE Edouard**  
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice/**Attorney General**

**Article 21: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 13/09/2019

(sé)

**KAGAME Paul**  
Président de la République

(sé)

**Dr. NGIRENTE Edouard**  
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux